ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, uburagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo

Hadithi yaturutse kwa Thawbani (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yasozaga gusali, yasabaga Allah imbabazi inshuro eshatu hanyuma ikavuga iti: ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, uburagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo" Al Walid yaravuze ati: Nuko mbwira Al Awza'iy nti: Gusaba Allah imbabazi bikorwa bite? Aransubiza ati: Ujye uvuga uti: ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira, ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira,..."

[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yasozaga gusali yajyaga ivuga iti: ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira, ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira, ASTAGH'FIRULLAH: Mana mbabarira. Yarangiza igasingiza ubuhambare bwa Allah Nyagasani we igira iti: ALLAHUMA ANTA A-SALAM, WA MINKA SALAM, TABARAKTA YA DHAL DJALALI WAL IKRAM: Mana Nyagasani niwowe muziranenge, n'amahoro aturuka iwawe, ubutagatifu n'ikuzo ni ibyawe, yewe Nyir'icyubahiro Nyir'ikuzo. Kandi Allah ingororano ze ntizigira ingano hano mu isi no ku munsi w'imperuka, Nyir'ubuhambare Nyir'ubuntu.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/10947